



IMANA

ITEYE IT?

Igice Cya 1

Muraho!

Ese wigeze wibaza uko
Imana iteye? Imana
irakomeye cyane kandi
irahebuje ku buryo
tutashobora kumenya
ibyayo byose. Imana
yaduhaye igitabo
gihebuje kitubwira
ibyayo.

Icyo gitabo ni ikihe? Ni

Bibiliya, ari yo yitwa Ijambo
ry'Imana. Bibiliya itubwira ko
Imana yaremye ibintu byose.
Yaremye amamiliyoni
y'inyenyeri zirabagirana mu
kirere, Ariko, ikiruta byose,
Imana yaturemye kugira ngo
idukunde, natwe tubone kuyi-
kunda.

Imana izi buri wese muri twe
kandi iramukunda. Iyo ukunda
umuntu wifuza ko uwo muntu nawe
agukunda; si byo se?

Bishimisha Imana iyo
dushaka kuyimenya no kuyikunda.
Kumenya Imana no kuyikunda, ni
cyo kintu cyiza kuruta ibindi dush-
obora gukora, kuko natwe biza-
tunzeze cyane.

Muri iri somo tuzabona ibyo
Bibiliya itubwira ku Mana. Tuziga
ibintu bitanu by'ingenzi byerekeye
Imana yacu ihebuje kandi idukunda
cyane.

IMANA

ISHOBORA BYOSE

Ibi bisobanura ko Imana ifite ubushobozi bwose mu ijuru no mu isi. Ifite ubushobozi bwo gukora byose. Nta kintu na kimwe cyananiira Imana. Bibiliya iravuga iti: “kuko nta kidashobokera Imana” Luka 1:37

Abami n’abakuru b’ibihugu bose ntacyo bari cyo ubagere-ranije nayo. Kubera ko ifite ubushobozi, Imana ishobora gukora ibyo ishatswe gukora byose.

IMANA

Ni Umwuka.

Wigeze wibaza impamvu tudashobora kubona Imana? Impamvu tudashobora kubona Imana ni uko ari Umwuka, kandi ntidushobora kubona umwuka.

Mu gihe Imana yakuremaga yaguhaye umubiri n’umwuka. Umwuka yaguhaye uba mu mubiri wawe. Abandi bantu bashobora kubona umubiri wawe, ariko ntibashobora kubona umwuka ukurimo.

Imana ni umwuka gusa. Ntabwo ifite umubiri nk’uwo dufite. Niyo mpamvu tudashobora kuyibona. Bibiliya iravuga iti: “Imana ni Umwuka n’abayisenga bakwiriye kuyisengera mu Mwuka no mu kuri”. (Yohana 4:24)

Nubwo tudashobora kubona Imana, dushobora kuyimenya no kuyikunda. Iyo tuzi Imana, turayikunda kandi tukayiringira.

IMANA

Ifite Ubwiza.

Ubwiza bw’Imana burarabagirana cyane ku buryo tudashobora kuyireba. Amaso yacu ntashobora kwihanganira imirasire y’izuba iyo ricanye cyane. Turamutse dushaka kurihanga amaso umwanya muremure, dushobora guhuma.

Ubwiza bw’Imana burarabagirana cyane kuruta izuba. Niyo mpamvu tudashobora kuyireba. Imana yaravuze iti: “...kuko umuntu atandeba mu maso ngo abeho” (Kuva 33:20)

Bibiliya itubwira iby’umuntu witwa Mose. Mose yari incuti y’Imana cyane. Yavuganaga n’Imana kandi Imana nayo ikavugana nawe ibihe byinshi. Ariko ntiyigeze abona Imana.

Umunsi umwe Mose yasabye Imana ngo ayigireho ubutoni bwihariye. Aravuga ati: “Nyereka ubwiza bwawe burabagirana” (Kuva 33:18)

Uwiteka yabwiye Mose ati: “Ntiwareba mu maso yanjye ngo ubeho. Ariko nzaguhisha mu bitare hanyuma nkunyureho” (Kuva 33:20-23)



Mose yarazamutse ajya ku musozi wenyine. Imana imuhisha mu bitare. Imana inyuzaga ubwiza bwayo imbere ya Mose. Mose ntiyabonye Imana mu maso, ariko agace gato yabonye katumye mu maso he harabagirana nk’izuba.

Igihe Mose yamanukaga avuye ku musozi, mu maso he harabagirana, abantu batinye kumwegera. Ahubwo bose bariyamiriyemo bati: “Ninde umeze nkawe, Oh Uwiteka, kwera kwawe niko kuguhesha icyubahiro” (Kuva 15:11)

IMANA


IRERA

Ibyo bisobanura ko Imana itagira inenge.

Iratunganye kandi nta cyaha na kimwe kiri muri Yo. Bibiliya ikoresheje ijamba umwijima, ishaka kuvuga icyaha. Bibiliya ikavugaga kandi ngo: “Imana ni umucyo. Muri yo nta mwijima na muke ubamo. (Yohana 1:5)

Imana ni umucyo n’ubwiza gusa. Imana irera. Nta gihumanye cyangwa gifite ikizinga kiboneka mu maso yayo. Kuko Uwiteka Imana yacu yera. (Zaburi 99:9)

Umunsi umwe Imana yavuganye n'umuhanuzi Yesaya mu iyerekwa. Yesaya yerekwa Imana iri ku ntebe y'Ubwami izengurutswe n'abamalayikabenshi bahimbaza Imana bavuga bati: "Uwiteka Nyir'ingabo arera, arera, arera. Isi yose yuzuye icyubahiro cye" Yesaya 6:3)



Mu gihe Yesaya yerekwaga Imana, yagize ubwoba. Iryo yerekwa ryamugaragariye ko ari umunyabyaha kandi ko Imana yera.

IMANA

Ni Urukundo

Ibi bisobanura ko Imana idukunda kandi itwifuriza ibyiza biruta ibindi gusa.

Mbese twamenya dute ko Imana idukunda? Hari uburyo bubiri:

- **Turabizi kuko Imana ibivuga.** Mu Ijambo ryayo Imana iravuga iti: "Nagukunze urukundo ruhoro" (Yeremiya 31:31)
- **Turabizi kuko yatanze umwana wayo w'ikinege ngo adupfire.**

Ushobora gutekereza uti: "Mbese Imana izi ibintu byose navuze n'ibyo nakoze?" yego Imana irabizi ariko iracyagukunda n'umutima wayo wose. Iragukunda mu bihe byose by'ubuzima bwawe."

Imana yerekanye urukundo rwayo rukomeye kuri twebwe itanga umwana wayo, Umwami Yesu kugira ngo apfire ibyaha byacu ku musaraba – ibintu bibi twavuze n'ibyo twakoze. Bibiliya iravuga iti: "Imana yerekanye urukundo rwayo idukunda ubwo Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha". Abaroma 5:8

Umwami Yesu yapfiriye ibyaha byawe. Ariko urupfu ntirwa muheranye. Yarazutse ava mu mva ku munsu wa gatatu. Ni Umucunguzi wazitse Muzima! Imana irashaka ko umwizera nk'Umucunguzi wawe wapfiriye ibyaha byawe hanyuma akazuka ngo akubere Umukiza.

Uzi icyo Imana igushakaho kuruta ibindi? Irashaka uruku-ndo rwawe, irashaka ko uyikundisha umutima wawe wose. Imana irishima iyo uhisemo kuyikundisha umutima wawe wose. Biboneka muri Bibiliya ko umwami Dawidi yari umuntu ukomeye . Yahisemo gukunda Imana. Yaravuze ati: “Nzagukunda, Uhoraho ni wowe mbaraga zanjye! Zaburi 18:2

Aya magambo yashimishije Imana, kandi bizashimisha Imana cyane nuhitamo kuyikunda nka Dawidi. Dore isengesho ryo kugufasha:

“Mwami, ndashaka kuguku-ndisha umutima wanjye wose. Mfasha kugira ngo ndusheshe kukumenya. Urakoze kubera urukundo rwawe umfiteye rwatumye wohereza umwana wawe, Umwami Yesu Kristo, kugira ngo apfire ibyaha byanjye ku musaraba.”

Umurongo wo gufata mu mutwe



URUPAPURO RW'IBIBAZO
ABASHAKASHATSI 1 – ISOMO RYA 1

AMABWIRIZA: Toranya igisubizo gikwiriye – (a)
cyangwa (b) Andika mu gasanduku kabugenewe

b

Urugero : Mu ijuru ni ahantu hari:

- a)
b)

IMANA
ishobora byose

1. Iyo Bibiliya ivuga ngo Imana ishobora byose, bisobanurwa ng

☐

- a) Imana ifite ubushobozi bwinshi mu ijuru no mu i
b) Imana ifite ubushobozi bwose mu ijuru no mu i

2. Ntidushobora kubona Imana kubera k

☐

- a) Imana ari Umwuka kandi tudashobora kubona umwuka
b) Imana iri kure cyane ku buryo tudashobora kuyibona

IMANA
ni Umwuka

3. Iyo Bibiliya ivuga ngo Imana irera, bisobanurwa ng

☐

- a) Imana ni nziza cyane
b) Imana nta nenge ifite, iratunganye,
nta cyaha na kimwe ifite

IMANA
irera

4. Tuzi ko Imana idukunda kubera

☐

- a) Yaduhaye umwana wayo kugira ngo apfire ibyaha byacu byose
b) Twiyumvisha ibintu kimwe nuko ibigir

IMANA
ni urukundo

5. icyo Imana idushakaho kuruta ibin

☐

- a) Urukundo rwacu
b) Kugira ngo dukore ibintu byi

Andika hano umurongo wafashe mu mutwe